# UMUJYI WA KIGALI-AKARERE KA NYARUGENGE

# IKIZAMINI CYO KWIMENYEREZA 2013, IKINYARWANDA

Uyu mugani Abanyarwanda bawuca iyo bashaka kwigisha umuntu ngo akurikize urugero rwiza abonana abandi; ni ho bagira bati "gera umuzinga ku wa Bugegera!" Wakomotse ku mugabo wo mu Ntenyo mu Nduga y'epfo witwaga Bugegera, akaba umugaragu wa Mirenge, wa mukungu w'ikirangirire bajya bakurizaho kuvuga ngo naka atunze ibya Mirenge ku Ntenyo. Ni ahasaga umwaka wa 1700.

Mirenge uwo nguwo yamaze gukungahara cyane mu Nduga yose rubanda baramushikira, baza kumucaho incuro; kandi ngo ubwo bukungu bwe bwakomokaga ku mizinga y'inzuki yagikaga, bituma agira ubuki bwinshi , abafite amasuka, amagumba n'amapfizi, bakabimuzanira bagatetura (kugarana ubuki).

Nuko biba aho bishyize kera, wa mugabo Bugegera w'umugaragu wa Mirenge wari umukene cyane ageretseho no kuba yaracitse intoki z'ikiganza cy'iburyo. Akajya yitegereza imizinga ya Mirenge bahakura ubutitsa; azirikana n'ibintu bazanira Mirenge bagurana. Ni ko kwigira inama ati "ahari nanjye mboshye imizinga nkayagika ubanza namera nka Mirenge; n'aho kandi ntasa na we, nibura nakwibeshaho!" Ati "inzuki Mirenge ntazifata ngo azishyire mu mizinga ye; bisubiye si n'abantu be batera ngo bazinyage bazizane mu mizinga."

Ni bwo atangiye aca imicundura n'akaboko kamwe k'ibumoso; mu Nduga y'epfo kera nta shyamba ryahabaga; hari umukenke wiganjemo urucundura; na we Mirenge, ibiti yaboheshaga imizinga, abantu be babikuraga mu Mayaga ku Rutabo rwa Kinazi. Bugegera amaze kugwiza uduti twe, abwira umugore we Nyirampumbya ati "nshakira amarwa meza nziyingingire umuntu wo kwa Mirenge azambohere umuzinga, nanjye nzagike ndebe ko twabona ubuki bukadukiza!" Uwo mugore we, Nyirampumbya ngo yagiraga amarwa y'iziko atangaje. Ahera ko aracanira; umusemburo uramuhira uratumbagira, abonye ko ushamaje yimuka ku buriri bwe ahunga umugabo we, kugira ngo na bato batarengaho bakawica; dore ko kera umusemburo na wo wiraburirwaga.

Nuko Nyirampumbya yenga amarwa ngo atangaza abanyenduga, bose barayahururira barizihirwa. Bageze aho, Bugegera araterura ati "Umva bantu bateraniye aha; icyatumye mbatumira, ndasaba ko uwamenya kuboha imizinga yazawumbohera nkazamuhemba amarwa arenze aya!" Abari aho barumirwa; havamo umwe w'umuhanga mu baboshyi b'imizinga yo kwa Mirenge ati "tutagombye kuwuboha jyewe ho ndawufite uzaze nywuguhe."

Bugegera na Nyirampumbya babyumvise barishima cyane babwira uwo mugabo, bati "ntibigomba gutinda, jyana n'uyu mwana wa Bugegera. Amukorera umuzinga awuzanira se; mu gitondo awagika mu munyinya wari imbere y'irembo rye. Amaze kuwagika agira amahirwe winjira vuba, ugiye kwera urasizora; yenze ubuki buratangaza; buruta ubwo kwa Mirenge kure.

Ababunyoye bahakana ko Atari ubw'umukenke, bakeka ko ari ubw'i Bugegera bw'igiti cyitwa Urusinzagwa. Bamaze kwishimira ubuki bwa Bugegera bahinyura ubwo kwa Mirenge bati "Mbese imizinga ya Mirenge yayigize nk'iya Bugegera ikera ubuki bw'urusinzagwa ntibe myinshi y'ubusa!" Nuko ubwo, Bugegera arakira aranezerwa, akijijwe n'umuhate wo kwigana gukora; yagika akazinga ke kamwe kakarusha iyo kwa Mirenge kwera. Ni bwo Abanyanduga babigize umuhango bajya bigana ibifite akamaro babonana abandi. Kugera umuzinga ku wa Bugegera kwigana urugero rwiza ubonana abandi.

**I . KUMVA UMWANDIKO /Amanota 5**

1. Uyu mwandio ni bwoko ki?

_______________________________________________

2. Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko?

_______________________________________________

3. Mirenge yari muntu ki?

_______________________________________________

4. Imizinga ya Bugegera yari ikoze mu ki?

_______________________________________________

5. Vuga inama ebyiri wakura muri uyu mwandiko.

a. _______________________________________________

b. _______________________________________________

**II. INYUNGURAMAGAMBO**

A. Simbuza amagambo aciyeho akarongo andi ukuye mu mwandiko /Amanota 5

1. Umugeni wacu <u>aturuka</u> mu Majyepfo.

_______________________________________________

2. Nyirampumbya yenga <u>ikigagegisembuye</u> atangaza abanyenduga.

_______________________________________________

3. Bugegera akitegereza uko <u>basarura</u> ubutitsa imizinga ya Mirenge.

_______________________________________________

4. Bugegera amaze <u>kumanika</u> umuzinga si ukwera <u>urakabya</u>.

_______________________________________________

B. Andika imbusane z'aya magambo /Amanota 3

1. Umukungu: _______________________________________________

2. Ni bwo <u>atangiye</u> guca imicundura.

_______________________________________________

3. Bugegera <u>arababara</u>.

_______________________________________________

C. Andika impuzanyito z'aya magambo /Amanota 2

1. Ikibondo: _______________________________________________

2. Bakamukwena: _______________________________________________

D. Koresha ijambo "gushaka" mu nteruro ebyiri zidahuje inyito /Amanota 2

1. _______________________________________________

2. _______________________________________________

F. Simbuza amagambo ari mu dukubo ayabugenewe /Amanota 6

1. Mwikwegera abo (bavuzi b'ingoma) kuko ingoma (zivuga cyane).

_______________________________________________

2. Kugira ngo ingoma zivuge neza bagomba (kuzishyushya)

_______________________________________________

... sekuru (yamenetse)

4. Usye (ifu inoze cyane) Kandi witonde urusyo (rutameneka)

G. Huza ibisobanura kimwe /Amanota 5

| | |
|---|---|
| 1. Kugira ubwoba | A. Kugenda amasigamana |
| 2. Kugenda ucumbagira | B. Kugwa agacuho |
| 3. Kugenda buheriheri | C. Gutera isekuru |
| 4. Kunanirwa cyane | D. Gukuka umutima |
| 5. Kugenda wihuta | E. Kugena nka nyomberi |

**III. IKIBONEZAMVUGO /Amanota 5**

A. Vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo /Amanota 9

1. <u>Mu</u> kwezi <u>kwacyenda</u>, umuyobozi w'akarere yaje <u>gusura</u> ishuri <u>ryacu</u>.

2. <u>Uwo</u> nshaka ni <u>umuhanga</u> muri <u>mwe</u>.

B. Andika umumaro w'amagambo aciyeho akarongo /Amanota 4

1. <u>Izindi</u> zakubiswe n'<u>inkuba</u>.

2. <u>Yejeje</u> ibishyimbo <u>bike</u>.

C. Shyira mu bindi bike bikuru by'inshinga /Amanota 4

1. Nkunda kwiga imibare.

2. Nzaza kubasura.

D. Sanisha iyi nteruro mu nteko ya 11 and 14 /Amanota 6

1. Iki gikombe kirava.

E. Hindura ingiro yakoreshejwe mu nteruro /Amanota 2

1. Inyoni zonnye amasaka.

2. Barangwa n'imico mibi.

1. Ijisho rye ryatukuye. ______________________

2. Benze amarwa ahiye. ______________________

G. Uzuza iyi mbonerahamwe /Amanota 15

| N° | Ijambo | Inteko | Intego | Itegeko |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Igitondo | | | |
| 2 | Kwita | | | |
| 3 | Inzuki | | | |
| 4 | Uduti | | | |
| 5 | Meza | | | |

H. Koresha indango itandukanye n'iyakoreshejwe /Amanota 2

1. Gutsindwa ni ishyano.

______________________

2. Umwana udakunzwe ntiyitabwaho.

______________________

I. 1.Tandukanya aya magambo ukoresheje amasaku /Amanota 2

1. Igikombe (cy'umusozi)

______________________

2. Igikombe (igikoresho banywesha)

______________________

2. Garagaza amasaku ya buri jambo uyashyire no kuri muhundwanota. /Amanota 3

| N° | Ijambo | Amasaku | Muhundwanota |
|---|---|---|---|
| 1 | Ubuki | | |
| 2 | Amarwa | | |
| 3 | Umutware | | |

**IV. UBUVANGANZO**

A. Uzuza iyi migani

1. ______________________

2. Amatama masa

______________________

3. Ca umugani mugufi werekeye ku mwana /Inota 1

______________________

B. Ica iki gisakuzo /Inota 1

Sakwe! Sakwe!

Zigaritse amahembe ntiwamenya iyo nyoko yakowe!

______________________

C. Sobanura uyu mugani undi /Inota 1

Isuko igira isoko:

______________________

**V. IMYANDIKIRE**

Kosora imyandikire /Amanota 5

1. Urwanda n'igihugu kimisozi igihumbi kikarangwa nisuku /Amanota 2

_______________________________________________

2. Tuzahurira I Kabwayi muri kamena tugiye kwiga mwishuri rya mutagatifu yozefu. /Amanota 3

_______________________________________________

**VI. IHIMBAMWANDIKO**

1. Garagaza imbata y'ibarurwa y'ubutegetsi /Amanota 5

2. Ku wa 15 Kanama 2013 Kwizera Yohana yataye indangamuntu ye, uruhushya rwo gutwara imodoka n'ikarita y'itora. Byatakaye muri gare ya Nyabugogo.

Andika itangazo rirangisha ibyo byangombwa ritarengehe imirongo 10. /Amanota 5

Icyitonderwa: Buri murongo urenze ku mirongo 10 isabwa uratakaza inota.

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

*AMAHIRWE MASA!!*